# U Rwanda mu bihugu byamaganye ubutegetsi bwa M23 bubangikanye n'ubwa leta ya Kinshasa

**Ibiranga iyi nkuru**


- Umwanditsi,**Didier Bikorimana**
- Igikorwa,**BBC Gahuzamiryango**

- 29 Ukwa gatanu 2025

U Rwanda ruri mu bihugu 12 byamaganye "ubutegetsi bubangikanye" n'ubwa leta ya Repubulika ya Demokarasi ya Congo, umutwe w'inyeshyamba wa M23 washyizeho mu bice wafashe mu burasirazuba bw'icyo gihugu.

Bikubiye mu myanzuro y'inama ya 12 yo "ku rwego rwo hejuru" y'urwego rw'ubugenzuzi bw'akarere ku mahoro, umutekano n'ubufatanye kuri DRC n'akarere ruzwi nka "Mécanisme régional de suivi de l'Accord-cadre pour la paix, la sécurité et la coopération pour la RDC et la région", yabaye ku wa gatatu i Entebbe muri Uganda, iyobowe na Perezida Yoweri Museveni.
Yitabiriwe n'u Burundi, Angola, Repubulika ya Congo, Kenya, Tanzania, Uganda, Sudani, Sudani y'Epfo, Zambia, Afurika y'Epfo, u Rwanda rwari ruhagarariwe na James Kabarebe, umunyamabanga wa leta muri minisiteri y'ububanyi n'amahanga, na DRC yari ihagarariwe na Minisitiri w'ububanyi n'amahanga Thérèse Kayikwamba.

Mu mwanzuro wa gatatu, nkuko bikubiye mu itangazo rigizwe n'imyanzuro 30, abitabiriye iyo nama bamaganye "gufata ubutaka no gushyiraho ubutegetsi bubangikanye bikorwa n'umutwe wa M23/AFC ufashijwe n'ubufasha bwo hanze".
Banasabye "ishyirwa mu bikorwa ryihuse kandi ryuzuye", "n'impande zose bireba", ry'umwanzuro w'akanama k'umutekano ka ONU wa 2773 wo ku itariki ya 21 Gashyantare (2) uyu mwaka.
Mu byo uwo mwanzuro wa ONU uteganya, harimo ko M23 igomba guhagarika imirwano ako kanya no kuva mu bice yafashe, n'u Rwanda rukareka gufasha M23, rukanahita rukura ingabo zarwo ku butaka bwa DRC "nta yandi mananiza".
Nta cyo M23 yahise itangaza ku myanzuro y'iyo nama.

Ni bwo bwa mbere u Rwanda rwamaganye ku mugaragaro umutwe wa M23, mu bihe bishize rwavuze ko urwanira uburenganzira bwawo wambuwe n'ubutegetsi bwa DRC.
Profeseri Jason Stearns, Umunyamerika wigisha siyansi ya politike kuri Kaminuza ya 'Simon Fraser University' muri Canada akaba ari umusesenguzi kuri politike ya DRC, yabwiye BBC Gahuzamiryango ko hakiri kare kumenya aho uku kwamagana M23 kw'u Rwanda kurimo kwerekeza.
Yagize ati: "Biragoye kumenya icyo umuntu yakwibwira ku gusinya kwabo. Mu biganiro byihariye [leta y'u Rwanda] bagirana n'abaterankunga, [leta y'u Rwanda] baracyashyigikiye M23."
Kinshasa, ONU n'ibihugu byinshi byo mu burengerazuba bw'isi bashinja u Rwanda gufasha M23 mu ntambara yo mu burasirazuba bwa DRC, bukungahaye ku mabuye y'agaciro. U Rwanda rurabihakana.

Umutwe wa M23, uyobowe ahanini n'Abatutsi b'Abanye-Congo, uvuga ko wafashe intwaro kugira ngo urinde uburenganzira bw'abo muri ubwo bwoko bwa ba nyamucye no kubera ko abategetsi ba DRC bisubiyeho ku byo bari bariyemeje mu masezerano y'amahoro yabayeho mbere.
Iyi nama ibaye mu gihe ku wa mbere M23 yatangaje ko uwari Perezida wa DRC

Joseph Kabila yageze i Goma, nyuma yuko sena imwambuye ubudahangarwa ashinjwa ubugambanyi bujyanye no gukorana na M23.

Mu cyumweru gishize, Kabila yanenze bikomeye ubutegetsi bw'uwamusimbuye Félix Tshisekedi avuga ko ari ubw'"igitugu bugomba kurangira" hakajyaho ubwa "demokarasi".
Iyi nama yo muri Uganda yasabye iyubahirizwa "ritajenjetse" ry'ubusugire bw'ibihugu bituranye, kutihanganira cyangwa guha ubufasha imitwe iyo ari yo yose yitwaje intwaro, kubaha impungenge n'inyungu bifite ishingiro by'ibihugu bituranye, "by'umwihariko ku bijyanye n'ibibazo by'umutekano".
Aba bategetsi baniyemeje "kudacumbikira no kutarinda abantu abo ari bo bose bashinjwa ibyaha byo mu ntambara, ibyaha byibasira inyokomuntu, ibikorwa bya jenoside cyangwa ibyaha by'ubushotoranyi, cyangwa abantu bafatiwe ibihano n'Umuryango w'Abibumbye".
Bamaganye umutwe w'inyeshyamba wa FDLR urwanya ubutegetsi bw'u Rwanda ukorera mu burasirazuba bwa DRC, banasaba ko usenywa, ndetse n'isenywa ry''indi mitwe yitwaje intwaro yose yo mu mahanga", irimo na RED Tabara urwanya ubutegetsi bwa Gitega ukorera muri DRC, CODECO na ADF.

Nta cyo iyo mitwe yahise itangaza ku mugaragaro.

Abari muri iyo nama bashishikarije iyo mitwe gushyira intwaro hasi ako kanya "nta mananiza", banibutsa "akamaro ko kurwanya ukudahana mu karere" k'ibiyaga bigari.
Bemeranyije ko "nta terambere mu bukungu rishobora kubaho mu karere nta mahoro", banavuga ko bazahura nanone mu 2026 "kongera gusuzuma ishyirwa mu bikorwa" ry'iyi myanzuro.
Iyi nama yanitabiriwe n'abahagarariye imiryango ireberera uru rwego rw'akarere, bitabiriye nk'indorerezi.
Iyo ni umuryango w'Ubumwe bw'Afurika (AU), inama mpuzamahanga ku karere k'ibiyaga bigari (ICGLR), ONU, n'abafatanyabikorwa bo mu karere.
Inama iheruka y'uru rwego rw'umutekano n'amahoro yabereye i Bujumbura ku itariki ya 6 Gicurasi (5) mu 2023.
Uru rwego rwari rusanzwe rukuriwe na Perezida w'u Burundi Évariste Ndayishimiye. Ku wa gatatu yashoje manda ye, aha ubutegetsi bw'uru rwego mugenzi we wa Uganda Yoweri Museveni.